هيثم بن محمد سرحان

٢٠ كينارووندا
URURIMI RW'IKINYARWANDA

و لا تقف ما ليس لك به علم
Ntukanakurikire ibyo udafitiye ubumenyi.

و لا تلبسوا الحق بالباطل
Kandi ntimuzavange ukuri n'ikinyoma

و لا تعثوا في الأرض مفسدين.
Kandi ntimugakwize ubwangizi ku isi.

ولا تعتدوا.
Kandi ntimuzarengere

و اغضض من صوتك.
ndetse n'ijwi ryawe uricishe bugufi.

و اخفض جناحك للمؤمنين.
Kandi ujye wicisha bugufi ku bemera.

و لا تصعر خدك للناس
Kandi ntukaneguze abantu umusaya wawe ubibonaho.

و لا تمش في الأرض مرحا
Kandi ntukagende ku isi wibona ku abantu.

ادفع بالتي هي أحسن.
Jya ukumira ikibi ukoresheshe icyiza.

خذ العفو و أمر بالعرف.
Jya ubabarira, unabwirize (abantu) gukora ibyiza.

و اعرض عن الجاهلين.
kandi ujye wirengagiza injiji (ntukaziture inabi).

و اقصد في مشيك.
Kandi ujye ugenda wiyoroheje

و لا تنابزوا بالألقاب.
kandi ntimugahimbane amazina mabi (atesha agaciro abandi).

و لا تأكلوا أموالكم بينكم بالباطل
Kandi ntimukarye imitungo ya bagenzi banyu mu buryo butemewe.

لا تبطلوا صدقاتكم بالمن و الأذى
Ntimukangize amaturo yanyu kubera incyuro n'inabi

ادع إلى سبيل ربك بالحكمة
Hamagarira (abantu) kugana inzira ya Nyagasani wawe ukoresheje ubushishozi

إجتنبوا كثيرا من الظن
Mujye mwirinda kenshi gukeka (bagenzi banyu).

و لا تجسسوا.
Kandi ntimukanekane.

و لا يغتب بعضكم بعضا
Kandi ntimugasebanye.

لا يسخر قوم من قوم
Kandi ntihakagire abantu basuzugura abandi.

و أطعموا البائس الفقير
Kandi munayagaburireho abatishoboye.

و بالوالدين إحسانا و ذي القربى و اليتامى
Ndetse muzagirire neza ababyeyi bombi, n'abo mufitanye isano n'impfubyi.

و إذا حييتم بتحية فحيوا بأحسن منها
N'igihe muramukijwe mu ndamutso (nziza), mujye mwikiriza mu ndamutso iyiruta

ادخلوا في السلم كافة
Nimwinjire mu buyisilamu byimazeyo (mwubahiriza amategeko n'amabwiriza byabwo).

و قولوا قولا سديدا
Kandi mujye muvuga amagambo y'ukuri.

أنفقوا مما رزقناكم
Mutange mu byo twabahaye.

و آتوا اليتامى أموالهم
Munahe impfubyi (zimaze kugimbuka) imitungo yazo.

و لا تتبدلوا الخبيث بالطيب
kandi ikibi (mu mitungo yanyu) ntimukakigurane icyiza (mu mitungo yazo).

و احفظوا أيمانكم
Kandi mujye myubahiriza indahiro zanyu.

و تعاونوا على البر و التقوى
Ndetse muterane inkunga mu byiza no mu gutinya Allah

و لا تعاونوا على الإثم و العدوان
Kandi ntimuzaterane inkunga mu byaha n'ubugizi bwa nabi.

و قولوا للناس حسنا
Kandi muvugane n'abantu mukoresheje imvugo nziza.

كونوا قوامين بالقسط
Mube abahagararizi b'ubutabera.

و زنوا بالقسطاس المستقيم
Ndetse mupimishe iminzani itunganye.

و أوفوا الكيل إذا كلتم
Kandi mujye mwuzuza ibipimo igihe mupima.

و أوفوا بعهد الله إذا عاهدتم
Kandi mujye mwuzuza isezerano rya Allah igihe muritanze.

اعدلوا
Ni mugire ubutabera

الموقع الرسمي
الشيخ هيثم سرحان